Australian Government
Department of Health and Aged Care

medicare
Urgent Care Clinic

# Igihe cyo gusura Medicare Urgent Care Clinic (Ivuriro Ryubuvuzi Bwihutirwa rya Medicare)

Medicare Urgent Care Clinics (Amavuriro yubuvuzi bwihutirwa ya Medicare) araguha amahitamo menshi yo kubona GP cyangwa umuforomo mugihe ukeneye kwitabwaho **byihutirwa kubera ibikomere nindwara ariko bidashyira ubuzima mu kaga.**

## Kwitaho byihutirwa

**Mugihe ufite imvune cyangwa uburwayi budashobora gutegereza gahunda isanzwe ya GP ariko ntabwo byangiza ubuzima.**

- Indwara zidakomeye
- Kuvunika amagufwa kudakomeye, imvune mungingo, ibikomere bya siporo no kubabara ijosi no mugongo
- Indwara zo munzira y'inkari (UTIs)
- Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina (STIs)
- Ibisebe byo kwikata bidakomeye
- Kurumwa n'udukoko n'uduhere
- Indwara ntoya z'amatwi n'amaso
- Indwara z'ubuhumekero
- Gastroenteritis
- Ubushye bworoheje



## Ubuvuzi rusange

**Mugihe ufite imvune cyangwa uburwayi bushobora gutegereza gahunda hamwe na GP wawe.**

- Gusuzuma no kuvura indwara zitandukanye
- Kugenzura rusange no kugenzura ubuzima
- Inkingo hamwe n'amaordonansi
- Inama zubuzima bwo mu mutwe
- Inama zo kuringaniza urubyaro
- Koherezwa gukora ibizamini, sikani cyangwa kuvurwa n'umuhanga
- Gukomeza kuvura indwara zidakira no gusuzuma ubuzima

## Ubuvuzi bwihutirwa

**Mugihe ufite imvune cyangwa uburwayi byangiza ubuzima: hamagara zero eshatu (000) cyangwa ujye kwishami ryubuvuzi bwihutirwa rikwegereye (emergency department).**

- Kubabara mu gatuza cyangwa kuremera
- Guhumeka bigoranye
- Kuva amaraso adahagarara
- Ubushye bukabije
- Kunywa ibitanyobwa (uburozi, imiti)
- Kumva ikinya cyangwa kumugara
- Guta ubwenge
- Kutitabira cyangwa kugira igicuri
- Umuriro ukomeje ku mpinja



**Afungura hakiri kare kandi yugara atinze**




**Medicare irishura (Bulk billed)**



**Injira udafite gahunda**

**Injira udafite gahunda Kugirango ubone Medicare Urgent Care Clinic rikwegereye, sura**

**health.gov.au/MedicareUCC**

Sikana kubindi bisobanuro